



FEDERATION RWANDAISE DE FOOTBALL ASSOCIATION

B.P. 2000 Kigali

Email : sgoffice@ferwafa.com

Web site : www.ferwafa.com

ITANGAZO RIGENEWE ABAYOBOZI B'AMAKIPE AZAKINA IMIKINO Y'INGIMBI N'ABANGAVU ITEGURWA NA FERWAF

**(RWANDA RISING STARS U17 CHAMPIONSHIP na RWANDA U20 ELITE PREMIER
LEAGUE/ 2026–2027)**

Dushingiye ku myanzuro y'inama ya Komisiyo ishinze amarushanwa muri FERWAF; Nyuma yo gusuzuma ibyifuzo bya Komisiyo ishinze iterambere ry'umupira w'amaguru yateranye tariki ya 10/09/2026;

FERWAF inejwe no kumenyesha amakipe yose akina mu marushanwa y'ingimbi n'abangavu ko imikino y'abatarengeje imyaka 20 izatangira ku wa **29/11/2026**, mu gihe mu batarengeje imyaka 17 azatangira tariki ya **05/12/2026**.

Ibyiciro by'amakipe n'imyaka y'abakinnyi :

- Abatarengeje **imyaka 20** ni abavutse gusa mu myaka ya: **2008, 2009 na 2010**
- Abatarengeje **imyaka 17** ni abavutse gusa mu myaka ya: **2011 na 2012**

Abazakina irushanwa ry'abatarengeje imyaka 20 «**RWANDA U-20 ELITE PREMIER LEAGUE**» ni amakipe y'abato ahamikiye ku makipe y'icyiciro cya mbere mu Bagabo «**BK PRO-LEAGUE**» naho abakobwa hakazakina amakipe ahamikiye ku makipe akina «**RWANDA WOMEN SUPER LEAGUE**».

Abazakina irushanwa ry'abatarengeje imyaka 17 «**RWANDA RISING STARS U-17 CHAMPIONSHIP**» ni Amakipe y'abato ahamikiye ku makipe akina **FERWAF D2 MEN na RWANDA WOMEN CHAMPIONSHIP/2026-2027**.

Amakipe avuzwe haruguru yifuza gukina ibyiciro byombi, arasabwa kubigaragaza mbere hagasuzumwa ko yujuje ibisabwa.

Andi makipe asigaye (amarerero, amakipe akina mu kiciro cya 3) ashaka kwitabira aya marushanwa azemererwa kwitabira aya marushanwa ari uko agaragaje kandi yujuje ibi bikurikira :

Initial

I. IBIJYANYE N'UBUYOBOZI N'AMATEGEKO

1. Kuba ikipe cyangwa irerero rifite ubuzima gatozi bwa RGB cyangwa RDB
2. Kuba ifite inzego z'imiyoborere nibura izi zikurikira :
 - a) Perezida
 - b) Umuyobozi wa Tekiniki
 - c) Ushinzwe imari n'ubutegets
3. Kuba ikipe cyangwa irerero riziyezeza gukurikiza amabwiriza azagenga irushanwa.
4. Kuba ifite umuntu ushinzwe kubungabunga abakinnyi (*Safeguarding Officer*) ufite icyemezo cy'uko yahuguwe cyangwa akagaragaza ko afite ubushake bwo kwiga ayo masomo bitarenze ukwezi kw' Ugushyirwa 2026.

II. IBIJYANYE N'UMUTUNGO

Kugaragaza nibura amafaranga angana na miliyoni eshanu **(5,000,000 RWF)** kuri konti y'ikipe /irerero cg amasezerano afite agaciro y'umuterankunga uzayaguhira ;

- a) Ingendo n'amafunguro ku mikino izakinwa
- b) Ibikoresho (imipira, amakona, ibikoresho by'ubuvuzi, n'ibindi,)
- c) Ubukode bw'ikibuga igihe kitari icyabo cyangwa icyemezo c'uko bakifitiye.
- d) Umushahara w'abatoza, umuganga n'abandi bakozi ba tekini bizagaragazwa mu masezerano

III. IBIMENYETSO BYEMEWE :

- a) Inyandiko igaragaza konti ya banki
- b) Ibaruwa y'ingwate itanzwe n'umuterankunga cyangwa nyir'ikipe
- c) Gahunda y'ingengo y'imari y'umwaka wa 2026-2027 yashyirwa
- d) icyemezo cya RDB cyangwa RGB

IV. IBIJYANYE NA TEKINIKE

- a) Umutoza mukuru: Licence CAF A, B cyangwa C
- b) Umutoza wungirije: Licence CAF A, B, C cyangwa D
- c) Umutoza w'abanyezamu: icyemezo fatizo (*Basic Certificate*)
- d) Gahunda ya tekini y'umwaka w'ikipe ya U-17 ndetse na U-20
- e) Muri **staff y'ikipe y'abakobwa** hagomba kuba harimo nibura **umugore umwe**, kandi na **Team manager** akaba ari **umugore**.

Ibisabwa by'ibanze bigomba koherezwa mu Bunyamabanga Bukuru bwa FERWFA (ibi birareba amakipe yose):

1. Ibaruwa yo kwiyemeza gukina inagaragaza ikibuga muzakoresha n'amasaha mwemerewe icyo kibuga igihe atari icyanyu bwite.

Initial


2. Urutonde rw'abakinnyi nibura 25 rugaragaza imyirondoro yabo rwanditse neza muri excel (amazina yombi, amazina y'ababyeyi bombi, igihe umukinnyi yavukiye na numero y'indangamuntu).

NB: Ikipe yose izemererwa gukina aya marushanwa y'abato (*U17 na U20*) igomba kwishyura amafranga ya *License* angana n'ibihumbi bitanu (**5,000 Rwf**) kuri buri mukinnyi.

Itariki ntarengwa yo kohereza ibivuzwe haruguru ni **ku wa 06/11/2026** kuri *e-mail* zikurikira: sgoffice@ferwafa.com mukamenyesha competition@ferwafa.com na development@ferwafa.com.

Bikorewe i Kigali ku wa 23 Ukwakira 2026,

Signed by:

3EF630CC6710468...


Bonnie MUGABE
Umunyamabanga Mukuru